Mwihutire gukora ibikorwa byiza mbere y'uko mugerwaho n'ibigeragezo bigoye bizaba bimeze nk'ijoro ry'umwijima

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mwihutire gukora ibikorwa byiza mbere y'uko mugerwaho n'ibigeragezo bigoye bizaba bimeze nk'ijoro ry'umwijima, aho umuntu azajya aramuka ari umwemeramana bukajya kugoroba yabaye umuhakanyi, cyangwa se bukagoroba ari umwemeramana bukajya gucya yabaye umuhakanyi, ukwemera kwe akakugurana iby'isi.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irashishikariza umwemeramana kwihuta gukora ibikorwa byiza byinshi mbere y'uko ibigeragezo biza ngo bitume adakora ibyo bikorwa, kandi bizaza bimeze nk'umwijima w'ijoro, aho ukuri n'ikinyoma byivanga, bikagora benshi kubitandukanya. No kubera ubuhambare bwabyo, umuntu arahuzagurika kugeza ubwo bucya ari umwemeramana bukajya kwira yabaye umuhakanyi, cyangwa se bukira ari umwemeramana bugacya yabaye umuhakanyi, ukwemera kwe akakugurana indonke z'isi zishira.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3138